# Abantu bazajya mu ijuru nibamara kurigeramo, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Allah Nyir'ubutagatifu azababaza ati: Hari ikindi mwifuza ngo mbongere?

Hadith yaturutse kwa Swuhayb (Imana imwishimire) nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Abantu bazajya mu ijuru nibamara kurigeramo, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Allah Nyir'ubutagatifu azababaza ati: Hari ikindi mwifuza ngo mbongere? Bamusubize bati: Ese ntiwaduhaye gucya mu buranga? Ese ntiwatwinjije mu ijuru, ukaba wanadukijije umuriro? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Nuko akureho ipaziya, bazasanga nta kindi kintu bahawe kiruta kureba Nyagasani wabo Nyir'ubutagatifu."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko abantu bazajya mu ijuru nibamara kuryinjiramo, Allah azababaza ati: Hari ikindi mwifuza ngo mbongere? Nuko bose bamusubize bati: Ese ntiwaduhaye gucya mu buranga? Ukatwinjiza mu ijuru, ukaturinda umuriro? Nibwo Allah azakuraho ipaziya, kandi ipaziya ye izaba ari urumuri, bazasanga nta kindi bigeze bahabwa bakunze kuruta kureba uburanga bwa Nyagasani wabo.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee